


miyoboro y'imyanda ya PFAS ihumanya ikirere



Ibinyabutabire bitajya byangirika ni uburozi buhumanya buhangayikishije

PFAS bisobanuye iki (byahimbwe “izina ry’ibinyabutabire bitajya byangirika”)?

- PFAS ni itsinda rinini ry’ibinyabutabire bikorwa n’abantu, bikaba bigira ubudahangarwa bukomeye ku ku buryo bidashobora kwangirika. Bishobora kumara imyaka ibihumbi n’ibihumbi bitarangirika, ari nayo mpamvu bizwi nk’ibinyabutabire “bitajya byangirika.”
- Ibinyabutabire bya PFAS bikorehwa cyane mu bikoresho bya buri muni n’ibyo mu nganda, harimo utugozi dusukura amenyo, ibikoresho bipfunyikwamo ibiribwa, imyenda, ibifufuma byifashishwa mu kuzimya inkongi, ibikoresho by’ubwubatsi, ibikoresho by’ikoranabuhanga, n’ibindi.
- Ibinyabutabire bya PFAS birushaho kurumbuka, cyangwa “kororoka” iyo bigeze mu mafi cyangwa se mu zindi nyamaswa zo mu gasozi.
- Abantu nabo bashobora guhura n’ibi binyabutabire bya PFAS binyuze mu kunywa amazi yanduye, ibiryo bihumanye (nk’amafi), no mu mwuka.

Kuki ibi bitureba?

- Ibinyabutabire bya PFAS bitera kanseri z’ubwoko butandukanye, bikongera urugimbu rwa Cholesterol, bikabangamira imikorere y’inkingo mu mubiri, bikangiza umwijima, bigatera abagore batwite kugira umuvuduko w’amaraso no gufatwa n’imbwa, bigatuma abana bavuka badashyitse cyangwa bakagwingira, n’izindi ngaruka nyinshi ku buzima.
- Ibinyabutabire bya PFAS ntibigira ingaruka zimwe ku miryango itandukanye bitewe n’uko ibitera ihumana ry’ikirere nk’inganda akenshi biba biherereye ahatuye abaturage b’abakene cyangwa se baturuka mu bwoko butandukanye.
- Imiryango ituye hafi aho itunzwe cyane n’amafi arobwa muri ako gace kubera impamvu zijyanye n’ubushobozi na/cyangwa iz’ijyanye n’umuco, ishobora kugerwaho cyane n’ingaruka nyinshi zo mu rwego rw’ubuzima.

Ni iki kibera ku ruganda rusukura amazi mabi yakoreshejwe rw’i Manchester?

- Inganda ndetse n’ibimpoteri byo mu muji wa Manchester byohereza amazi yanduye mu ruganda rusukura amazi mabi yakoreshejwe rw’i Manchester.
- Uruganda rutunganya amazi mabi yakoreshejwe rw’i Manchester kandi rutuma habaho ibirundo by’imyanda byitwa “imyanda iva mu mazi”. Uru ruganda rutwika iyo myanda mu mashini ishinze kubitwika, bigatuma hazamuka ibyuka bihumanya ikirere birimo ibinyabutabire bya PFAS.
- Uruganda rutunganya amazi mabi yakoreshejwe rw’i Manchester kandi rutuma habaho ibirundo by’imyanda byitwa “imyanda iva mu mazi”. Uru ruganda rutwika iyo myanda mu mashini ishinze kubitwika, bigatuma hazamuka ibyuka bihumanya ikirere birimo ibinyabutabire bya PFAS.

Ni gute twahagarika ihumana ry’ikirere riterwa n’ibinyabutabire bya PFAS biva mu nganda zitunganya amazi mabi yakoreshejwe?

- Uburyo bwiza bwo guhagarika ihumana ry’ikirere riterwa n’ibinyabutabire bya PFAS biva mu nganda zitunganya amazi mabi yakoreshejwe ni “ugufatira imyanda iva muri izo nganda aho ituruka”.
- Gufatira imyanda aho yaturutse bivuga kugabanya cyangwa gukuraho ikorehwa ry’ibinyabutabire bya PFAS mu nganda, kugabanya cyangwa gukumira PFAS koherezwa mu ruganda rutunganya amazi mabi yakoreshejwe no mu mashini itwika imyanda iva mu mazi.
- Inganda zishobora kugabanya cyangwa se gukumira ikorehwa ry’ibinyabutabire bya PFAS mu gihe zisohora imyanda.

